**AMABWIRIZA YA MINISITIRI N⁰ 005/07.01 YO KUWA 11 UKWAKIRA 2021 AJYANYE NO KUYOBORA BY'AGATEGANYO AKARERE GAFITE UBUZIMA GATOZI MU GIHE CY'AMATORA Y'ABAJYANAMA**

**Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu,**

Ashingiye ku itegeko N° 065/2021 ryo ku wa 09/10/2021 rigenga Akarere cyane cyane mu ngingo zaryo ya 51;

Ashingiye kuri gahunda rusange y'amatora y'abayobozi b'inzego z'imitegekere y'Igihugu n'ab'inzego zihariye;

Amaze kubona ko ari ngombwa gushyiraho imirongo ngenderwaho mu gihe cyo kuyobora by'agateganyo Akarere gafite ubuzimagatozi mu gihe cy'amatora y'Abajyanama;

**Ashyizeho amabwiriza akurikira:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo aya mabwiriza agamije**

Aya mabwiriza ashyiraho imirongo ngenderwaho yo kuyobora by'agateganyo Akarere gafite ubuzimagatozi mu gihe cy'amatora y'Abajyanama.

**<u>Ingingo ya 2</u>: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri aya mabwiriza, amagambo akurikira asobanurwa mu buryo bukurikira:

**1° Igihe cy'amatora y'Abajyanama mu Karere**: ni igihe gitangira kuva ku munsi Komisiyo y'Igihugu y'Amatora yatangarije burundu kandidatire zemewe z'abifuza kujya mu Nama Njyanama y'Akarere kikageza ku munsi abagize Komite Nyobozi y'Akarere batowe barahiriye.

**2° Akarere gafite ubuzimagatozi**: Ni Akarere katari ako mu Mujyi wa Kigali.

## UMUTWE WA II: UBUYOBOZI BW'AGATEGANYO MU GIHE CY'AMATORA Y'ABAJYANAMA

**Icyiciro cya mbere: Abashinzwe kuyobora by'agateganyo Akarere mu gihe cy'amatora**

**Ingingo ya 3: Umuyobozi w'Akarere mu gihe cy'amatora y'Abajyanama**

Mu gihe cy'amatora y'Abajyanama, Akarere gafite ubuzimagtozi kayoborwa by'agateganyo n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wako. Iyo adahari cyangwa agize impamvu iyo ariyo yose imubuza gukora iyo mirimo, Akarere kayoborwa by'agateganyo n'Umuyobozi w'imirimo rusange (Corporate Services Division manager).

Iyo Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere n'Umuyobozi w'imirimo rusange (Corporate Services Division Manager) bombi badahari, Minisitiri ufite Ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano ze agena umwe mu bakozi b'Akarere uyobora Akarere by'agateganyo.

**Icyiciro cya 2: Inshingano z'ushinzwe kuyobora by'agateganyo Akarere mu gihe cy'amatora**

**Ingingo ya 4: Inshingano z'ushinzwe kuyobora by'agateganyo Akarere**

Uyobora Akarere mu gihe cy'amatora y'Abajyanama ashinzwe by'umwihariko ibi bikurikira:

- Gukurikiranira hafi ibikorwa by'Akarere n'ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo
- Gukurikiranira hafi ibikorwa by'amatora mu Karere no kurebera hamwe n'inzego bireba imigendekere myiza yayo
- Guhagararira Akarere imbere y'izindi nzego
- Kuyobora Akarere akurikije amategeko
- Kwita ku bikorwa bijyanye no kubungabunga umutekano mu Karere
- Gukemura ibibazo byihutirwa birebana n'imiyoborere
- Gukurikiranira hafi imiyoborere y'inzego z'Imitegekere y'Igihugu akuriye
- Gutegura neza inyandiko zijyanye n'ihererekanyabusha
- Kwita ku nshingano zijyanye n'imirimo ye asanzwe akora
- Gukora indi mirimo ashobora guhabwa n'inzego za Leta

**Ingingo ya 5: Ibibujijwe uyobora by'agateganyo Akarere**

Uyobora Akarere by'agateganyo mu gihe cy'amatora y'Abajyanama, ntiyemerewe:

- Gufata ibyemezo biri mu bubasha bw'Inama Njyanama
- Gufata ibyemezo binyuranyije n'amategeko
- Gukora ibikorwa ibyo aribyo byose byabangamira imigendekere myiza y'amatora
- Gushyira abakozi mu myanya cyangwa kubirukana

## UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA

**<u>Ingingo ya 6</u>: Ihererekanyabubasha**

Hagati y'Umuyobozi w'Akarere urangije manda n'ugiye kuyobora Akarere by'agateganyo hakorwa ihererekanyabubasha ry'agateganyo rizuzuzwa n'ihererekanya bubasha rizakorwa amatora asoje.

**<u>Ingingo ya 7</u>: Ibyerekeye abari bagize Komite Nyobozi**

Abari bagize Komite Nyobozi y'Akarere, mu gihe cy'amatora bakomeza kuba hafi kugira ngo baramutse bakenewe bashobore gutanga umusanzu w'inama n'ibitekerezo mu bijyanye n'imirimo bari basanzwe bakora igihe babisabwe n'inzego zibifitiye ububasha.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Ibigenerwa abari bagize Komite Nyobozi mu gihe cy'amatora**

Mu gihe cy'amatora kivugwa mu ngingo ya 2 y'aya mabwiriza, abari bagize Komite Nyobozi y'Akarere, bakomeza guhabwa ibyo bagenerwaga n'amategeko byose.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Inzego zishinzwe gushyira mu bikorwa aya mabwiriza**

Ubuyobozi bw'Uturere busabwe gushyira mu bikorwa aya mabwiriza.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Ivanwaho ry'ingingo z'amabwiriza**

Ingingo zose z'amabwiriza abanziriza aya kandi zinyuranye nayo zivanyweho.

**<u>Ingingo ya 11</u>: Igihe aya mabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi ashyiriweho umukono.

Bikorewe, i Kigali kuwa 11/10/2021

**GATABAZI Jean Marie Vianney**
**Minisitiri**